Kina Rwanda

Gukina ni ukumenya

Agatabo
Kwiga binyuze mu mikino

November / 2021

Kina
Rwanda
Gukina ni ukumenya

Iriburiro

Twishimiye kukugezaho agatabo ka Kina Rwanda; karakuyobora kuri byinshi ukeneye kumenya ku gukina ndetse n'akamaro kabyo.

Kina Rwanda ni umwe mu miryango ikorera hirya no hino ku isi, yemera ko imikino ishobora kugira uruhare mu guteza imbere imibanire ndetse n'ubukungu bw'abantu. Kina Rwanda ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bacu bahagurukiye gutuma abana bo mu Rwanda bagira amahirwe yo gukina.

Aka gatabo karagaruka ku ngingo yo "kwiga binyuze mu mikino" nk'inshingano za Kina Rwanda ndetse gatange inama ku bintu byakwifashishwa mu kurema amakuru atera ishyaka, aruhura ndetse ababyeyi, abana, abagize umuryango n'inshuti bibonamo binyuze mu nsanganyamatsiko zibumbiye muri imwe, ari yo: "kwiga binyuze mu mikino".

Binyuze muri aka gatabo, Kina Rwanda irahamagarira ibitangazamakuru ndetse n'ababihagarariye kugira uruhare muri iyi nzira igamije gutuma abana bagira amahirwe yo gukina, yaba mu rugo, ku ishuri ndetse n'ahantu hahurira abantu benshi, maze bigatuma abana babasha kumenya no kugera ku nzozi zabo, binyuze mu kwigira mu mikino.

Kwiga binyuze mu mikino (LtP) ni iki?

Iyo abana bakina, batuma ibyo bibwira bisa n'ibishyizwe mu bikorwa, bunguka inshuti nshya, bikabakomeza ndetse bakabasha kumenya inzira bashobora kunyuramo bakemura ibibazo bahurira nabyo mu nzira. Baba bari kwiga ndetse bakura bakanahangana n'imbogamizi muri iki gihe turimo, ari nako bunguka ubumenyi bushya buzatuma bagera ku nzozi zabo, bakaba abanyembaraga badacika intege ndetse n'abantu bakuru babayeho bishimye mu myaka iri imbere.

Muri Kina Rwanda, inyito "kwiga binyuze mu mikino" isobanura uburyo iyi mikino ifasha abana gukuza ubumenyi buzabafasha, bugafasha abo babana ndetse n'aho batuye muri rusange mu minsi yo kubaho kwabo. Mu gushyigikira kwiga binyuze mu mikino, Kina Rwanda ifite intego yo gufasha abana nk'abantu babasha kwihangira udushya kandi bagira uruhare mu myigire yabo.

"Kwiga binyuze mu mikino ni imvugo ikoreshwa mu burezi ndetse n'amasomo y'imenyamuntu, isobanura uburyo umwana ashobora kwiga kugira ngo asobanukirwe isi imukikije, binyuze mu mikino. Muri iyo mikino, umwana akuza ubushobozi bwo kugira ibyo yunguka, akagira ubumenyi mu mibanire n'abandi, agakuza ibyiyumviro ndetse akarushaho kwigirira icyizere gikenewe mu kunyura mu bitandukanye azahurira nabyo mu nzira y'ubuzima. "

Byakuwe mu nyandiko ifite umutwe wo mu rurimi rw'Icyongereza, "Human growth and the development of personality (Gukura kwa muntu ndetse n'imikurire y'imyitwarire) ya Jack Kahn na Susan Elinor Wright, yasohowe muri Pergamon Press,

Imikino ni uburyo buboneye bwo kwiga
- **byombi ni nk'amababa yombi y'ikinyugunyugu,**
- **kimwe nticyabaho ikindi kidahari.**

(Carla Rinaldi – Umuyobozi wa Reggio Children)

Umuryango/gahunda mpuzamahanga (play movement)

Kuva muri 2019, gahunda mpuzamahanga ya “Together for Play” yashishikarije ababyeyi n’imiryango kuzirikana inyungu iba mu mikino, gufata umwanya uhagije bagakina n’abana babo; ndetse no gukora ibishoboka mu ngo, aho batuye ndetse no ku mashuri, hakaboneka igihe ndetse n’aho gukinira. Muri iyi gahunda, “Together for Play” ndetse n’abafatanyabikorwa bayo bashishikarije imiryango itandukanye gushyira imikino muri gahunda zabo z’ibikorwa n’imishinga, kugira ngo abana batandukanye hirya no hino ku isi babone amahirwe yo gukina.

Byinshi kuri Kina Rwanda

Kina Rwanda ni gahunda ikorera mu Rwanda mu guteza imbere imikino y'abana muri ya gahunda mpuzamahanga (global play movement) yavuzwe haruguru. Kina Rwanda yashinzwe muri 2021, ikaba yemera ko imibereho y'abana igenda itandukana bitewe n'igihe, imico n'uko babayeho. Kina Rwanda ishyigikiye imikino ndetse na gahunda yo gukina mu Rwanda, ikaba ishishikajwe no kongera gutekereza uko imikino yakwifashishwa mu kongerera abana ubumenyi. Kina Rwanda ifite intego yo gushishikariza abantu kwemera no guha imikino agaciro nk'imwe mu nkingi ya mwamba y'imikurire y'abana.

Muri Mata 2021, Kina Rwanda yatangije gahunda yiswe "Play for Success", ikaba umushinga w'ubukangurambaga bugamije gusobanurira abantu akamaro ko kwigira mu mikino, hagamijwe ko abantu bamenya inyungu y'imikino mu cyiciro cyo hasi cy'imikurire y'umwana kugira ngo batangire gutegura ku bushake kandi babigambiriye, kuba bagira uruhare mu mikino y'abana. Ushaka kumenya byinshi kuri uyu mushinga, wasura urubuga rwacu cyangwa ukadukurikira ku mbuga nkoranyambaga zacu za Instagram, na Twitter.

Binyuze mu mishinga ya Kina Rwanda ndetse n'abafatanyabikorwa bacu, Kina Rwanda igamije kubaka ahazaza, aho kwigira mu mikino bituma abana babasha kuvamo abantu bahanga udushya kandi bagira uruhare mu bibakorerwa.

Intego z'aka gatabo

Aka gatabo kagamije kuyobora ndetse ni isoko y'amakuru n'inzira zifasha ibitangazamakuru kwandika amakuru n'inkuru zijyanye no kwigira mu mikino.

Harimo ibintu bitandukanye ushobora gukura ku rubuga (downloads) ushobora kuba wakwifashisha mu gukora inkuru n'ibiganiro. Harimo kandi ibishobora gufasha ibitangazamakuru gusobanukirwa uburyo imikino yakwifashishwa mu kongera ubumenyi cyangwa kwiga ku bana bo mu Rwanda, kandi bishobora gufasha umuntu kurema cyangwa gutara inkuru zigenewe ubwoko butandukanye bw'ibitangazamakuru kandi bigashishikariza abakurikira ibyo bitangazamakuru gutanga ibitekerezo.

Igikorwa cya 1. Intego

Koresha uyu mwanya, wandike intego eshatu cyangwa enye wihaye kugeraho binyuze mu gusoma aka gatabo wigiramo ibijyanye no kwigira mu mikino.

Imbaraga z'imikino

Imikino ni iki?

Iyo dutekereje imikino itandukanye nko gukina karere, kubuguza, bizamura urukumbuzi n'amashusho amwe n'amwe twibuka y'ibyatubayeho dukina iyo mikino tukiri abana.

Mu gihe benshi bibuka ibyo bakinaga bakiri bato, ni ingenzi cyane ko twinjiramo tukagera kure tukibaza ngo, ubundi imikino ni iki?

"Imikino" ishobora gusobanura byinshi. Ishobora kuba imikino y'ubuntu abana bihimbira, aho abana bagira igitekerezo kandi bakagishyira mu bikorwa badahuye n'imbogamizi iyo ari yo yose, hakaba n'imikino iba iteguye ku buryo busobanutse. Mu gihe umwana akina yaba mu rugo, aho dutuye yaba mu cyaro cyangwa mu mijyi ndetse no kubasha kubona ibikoresho cyangwa kutabibona biha ireme imikino ndetse n'uburyo umwana akina. Ku rundi ruhande, umuco n'imyemerere bigira ingaruka ku mikino yaba mu rugo cyangwa se mu bantu muri rusange.

Igikorwa cya 2. Imikino ni iki?

Andika amwe mu magambo n’ibitekerezo by’uburyo wumva wasobanura imikino

Mu Rwanda, imikino ikunze guhuzwa na siporo cyangwa ibindi bikorwa ngororamubiri, cyangwa se igafatwa nk'uburyo bwo kwiga yewe ndetse ikanahuzwa n'icyiciro runaka cy'abana. Mu mpapuro zikurikira, turagushishikariza kureba imikino mu buryo bwagutse, hanyuma tunagutumira kwifatanya natwe mu guha ireme imikino ndetse n'imyigire.

Kongera guha ireme imikino

Ubushakashatsi bwagaragaje ko gukina atari ukwidagadura gusa, ko ahubwo imikino ifite uruhare rufatika mu kwiga no gutegurira abana kuzabasha guhangana n'imbogamizi bazahura nazo mu bwana ndetse n'igihe bazaba barakuze.

Kuva ku gukina saye, mabigibigi (umukino abantu babiri cyangwa amatsinda abiri akina bakoma mu mashyi, bagenda basimbukira hamwe mu njyana), ikibariko, kugera ku kugerageza gusobanukirwa igihugu cyakubyaye kandi ari cyo utuyemo, burya imikino n'abana, ni ibintu bibiri bidatana. Ibi byose bishobora guha umwana amahirwe yo kubasha kwidagadura ari ko kandi akaba ari no kwiga.

Imikino ntikenera ibyanya bidasanzwe nk'ibibuga cyangwa se ngo igire ikiguzi runaka itwara. Imikino ishobora kubera aho ari ho hose n'ibikoresho bisanzwe tubasha kubona mu rugo cyangwa ahandi. Ubundi ku bana, imikino ni iya buri wese ndetse ishobora gukorerwa aho ari ho hose.

Uko tugerageza gutekereza ku mikino, turagushishikariza gutekereza uburyo imikino ifatwa ndetse no gutekereza kuri izi nteruro zikurikira:

- **Imikino ni uburyo bwiza ubwonko bwungukamo ubumenyi**
- **Imikino ituma abana bamenya, bagerageza, bakora ndetse bagera ku cyo bagamije**
- **Imikino ituma abana babasha gusobanukirwa isi no kwihuza nayo, kandi mu buryo bubanejeje**
- **Nk'uko tubikesha LEGO Foundation, akenshi imyigire ihuzwa gusa n'uburyo bwo guha abana ubumenyi binyuze mu ishuri, ariko ubushakashatsi ku mikurire y'abana bwagaragaje ko imyigire yagutse kandi ibiyigize byose bifite aho bihurira. Imikino ifite akamaro cyane ku gukuza imibanire n'abandi, ku mikurire ndetse n'ubushobozi bwo kunguka ubumenyi.**

Aho byakuwe: Play is our brain's favorite way of learning
LEGO Foundation Learning through play - A review of the evidence

Ibintu 5 biranga imikino nyayo

Muri aka gatabo ndetse n'inyandiko zikagize, turashishikariza abantu kugaruka cyane ku cyo imikino isobanuye. Mu gukora ibi, dushobora gutangira gufungura amahirwe yo gutuma imikino iba isoko yo kunguka ubumenyi byimbitse.

Nk'urugero, dushobora gutangira gutekereza mabigibigi, saye ndetse n'ibituma ibi bikorwa byombi bihinduka imikino nyayo.

Igikorwa cya 3: Ibiranga ibikorwa by'imikino

Muri uyu mwanya wo hasi, shushanya igikorwa cy'imikino wibuka mu bwana bwawe cyangwa mu gihe wari ukuze, maze wandike ibintu bitandukanye utekereza ko byatumye icyo gikorwa kitwa imikino koko.

Binyuze mu biganiro byimbitse twagiranye n'impuguke ndetse no mu gusoma inyandiko zinyuranye ku bijyanye no kwiga binyuze mu mikino, hagaragajwe ibintu bitanu biranga imikino. N'ubwo tutakwemeza ko ibyo biba igisobanuro nyacyo cy'imikino, iyo ibi bintu bitanu byabayeho, kandi hose ku isi, bivugwa ko habayeho gukina.

Tuvuga ko habayeho kwiga binyuze mu mikino iyo igikorwa cyabayeho cyatanze umunezero; bifasha abana guha agaciro ibyo bakoze cyangwa bize; bagiramo uruhare, kandi bose, ikintu cyatumye babasha gutekereza; hanyuma hakabaho kubaha amahirwe yo kuzagisubiramo, kukigerageza; noneho hakaza ubusabane. Ibi bintu bitanu biza bishimangira igihe abana bunguka ubumenyi kurusha ikindi ndetse n'uburyo bwo gushishikariza abantu gushyira umwanya wo gukina mu bikorwa byabo.

Jenga

Umunezero

ni wo shingiro ry'imikino – harimo kwishimira gukora igikorwa runaka, ariko hakabamo no kwishimira gutungurwa, ubumenyi ndetse no gutsinda imbogamizi runaka uba wahawe. Ubushakashatsi bwagaragaje ko amatsiko ndetse n'ibyiza umuntu yungukira mu mikino biba bishamikiye ku bumenyi akura mu mikino. Urugero: abana bagaragaza kungukira ubumenyi mu kintu kibatunguye kurusha ikibaye bari bakiteze. Bityo, imikino yuje umunezero iyoborwa n'ubushake umwana aba yagize rugikubita; muri make bimuryohera kurusha iyo yihitiyemo kuko bazi ko bibashimisha kandi akaba ari byo bakunda gukora.

Bifite igisobanuro:

Byitwa bitya ko bifite igisobanuro iyo umwana abasha kubihuza n'ubuzima bwe bwite asanzwe azi. Mu mikino ubusanzwe abana bakunda kugenzura ibyo bari basanzwe bazi kandi bakoze, cyangwa babonye abandi bakora, bikabafasha gusobanukirwa icyo bivuze. Mu kubigenza batyo, babasha kugaragaza icyo batekereza bityo bigakuza ubumenyi bwabo bwo gusobanukirwa. Mu gihe abana bisanze bari aho batazi cyangwa bakisanga mu bintu babona bitari ibyabo cyangwa ngo bihure n'uko basanzwe biyizi, hari amahirwe menshi ko ubushake bwo gukomeza icyo kintu buzahita bushira, ndetse bakakireka.

Abantu bagiramo uruhare:

Kwigira mu mikino kandi hazamo kuba abantu bose bagizemo uruhare. Gerageza gutekereza umwana uhuze cyane ari gushakisha aho yakwihisha mu mukino witwa Saye. Aba ari gutekereza uko yabona aho yihisha bagenzi be, ku buryo hari igihe ababyeyi babahamagara ntibumve. Uko kuba ubwonko bwabo buba buhuze cyane ndetse n'ubushobozi bwo gukomeza kwita ku cyo bakoraga ni ikintu cy'ingenzi cyane mu kwigira mu mikino.

Ikintu kidahagarara.

Iyo abana bakina bakora ibimeze nk'amagerageza, bigira mu ntekerezo, bagereranya ibintu, bibwira ibigiye gukurikiraho, bagatekereza cyane. Kuva ku mwana w'igitambambuga uri gukina n'umucanga cyangwa ibintu atoraguye hasi, cyangwa akagerageza uburyo butandukanye bwo kubaka inzu igeretse yifashishije utubaho duto, kugera ku mwana utangiye gukura uri kuvumbura ubuhaname bw'umusozi w'iwabo binyuze mu kureba umuvuduko ibintu biwumanukaho biba bifite, cyangwa se uburyo inguni yo mu nzu ibangamira urugendo agapira kagombaga kugenda mu gihe akajugunye ari mu nzu, ibyo ni byo twita kuba ikintu runaka kidahagarara, ahubwo gukomeza kugerageza ibishoboka byose, kwibaza ibibazo binyuranye, ibyo rero biganisha ku kunguka ubumenyi.

Gihuza abantu.

Imibanire y'abantu ni ikintu cy'ingenzi cyane yaba ku kwiga ndetse no gukina. Binyuze mu kumvikanisha ibitekerezo byabo, kumva iby'abandi binyuze mu kuvugana no guhana ibitekerezo, abana ntibishimira kuba bari kumwe n'abandi gusa, ahubwo no gukuza ugusobanukirwa no gukunda ubucuti bagirana n'abandi. Iyi ishobora no kuba ari yo mpamvu abantu benshi batekereza ko imikino ari ikintu gihuza abantu. Ni ikintu ukorana n'ababyeyi, abavandimwe cyangwa inshuti. Iyo abantu bakina, burya hari byinshi bagenda bamenyanaho.

Fata akanya urebe iyi videwo kugira ngo usobanukirwe kurushaho: https://www.legofoundation.com/en/why-play/characteristics-of-playful-experiences/

Amarangamutima asumba andi ava mu mikino ni ukwita ku bintu kurushaho ndetse n'ibyishimo.

(Peter Gray, umushakashatsi ku mikino)

Ni iki gituma kwigira mu mikino biba ikintu cy'ingenzi?

Ku bana, kunguka ubumenyi ni umusaruro kamere w'imikino, kandi uko bihindagurika, ni ko biba byiza kurushaho. Ku muntu mukuru, guha abana amahirwe yo gukina imikino itandukanye, uretse kuba bibongerera ubumenyi bwinshi, binabafasha gukomeza gukora.

Reka duhe ireme kwiga ...

Ubushakashatsi bugaragaza ko uburyo bw'imyigire budasanzwe aho amarangamutima, kunguka ibishya, imbaraga z'umubiri, imibanire n'abandi ndetse n'ubumenyi bwo guhanga ibishya bihabwa agaciro, bitegurira kandi bigafasha umwana kunguka ubushobozi bukenewe mu mibereho yo muri iyi si*. Ikindi kandi byaragaragaye ko ubu buryo bwo kwiga budatandukanye ahubwo buhura, bugashyigikirana mu kurema abantu basobanutse.

Iyo abana bakina, bagorora ingingo, bakoresha ndetse bagakuza ubwo bumenyi bugiye bukorana, ubumenyi bubafasha gukomeza no kubasha kubaho mu isi igoranye kandi ihora ihindagurika.

*** (reba paji xx, urabona igishushanyo kigaragaza uko imikino ifasha abana mu kunguka ubumenyi).**

Ubumenyi butanu buganisha ku mikurire.



Ubumenyi butanu buganisha ku mikurire.

Kunguka ubumenyi

Binyuze mu bushobozi bwo kwakira ubumenyi bushya, abana biga uburyo bwo gukemura ibibazo runaka byo mu buzima, byaba ibihuye n'ishuri, akazi cyangwa mu rugo.

Urugero rw'ubushobozi bwo kwakira ubumenyi ni: Kubasha gushyira umutima ku bintu, gukemura ibibazo, ubushobozi bwo kuzirikana ibintu ndetse no gutekereza. Kwiga gukemura ibibazo runaka bikomeye ndetse no kurema uburyo bwo gushaka ibisubizo.

Guhanga udushya

Kugira ubushobozi buhambaye bwo guhanga udushya, bifasha abana kugira ubushobozi bwo kubona umuti w'ibibazo isi izagira mu gihe kizaza. Ubushobozi bwo guhanga udushya bufasha kugira imitekerereze yagutse yakira ibishya duhura nabyo, ndetse bigafasha mu guhindura ibitekerezo mo ibisubizo bifatika.

Urugero rw'ubumenyi bwo guhanga udushya harimo: kunguka ibitekerezo, kubisangiza abandi ndetse no kubishyira mu bikorwa, kubasha kwiyakira mu gihe utabasha kubona igisubizo, kugerageza inzira zitandukanye, gusesengura ibitekerezo ndetse no guhitamo umuti ukwiriye.

Ubumenyi butanu buganisha ku mikurire.

Umubiri

Mu kugira ubumenyi n'imbaraga z'umubiri, umwana ategura ubwonko ndetse n'umubiri we gutuma akomeza kugira ubuzima bwiza buganisha kuri ejo heza.

Urugero rw'imbaraga z'umubiri harimo: kugira umubiri ukora neza, gusobanukirwa imikorere y'ingingo binyuze mu kuzikoresha, kubasha gufata neza umubiri ngo ukomeze ubeho neza.

Imibanire

Binyuze mu kugira ubumenyi bw'imibanire n'abandi, abana bongererwa imbaraga zo kubasha gukorana no kuvugana n'abandi. Ubumenyi bw'imibanire bufasha abana kugira imibanire ifatika n'abagize umuryango ndetse n'inshuti zabo.

Urugero rw'ubumenyi bw'imibanire harimo: gukorana n'abandi, kuvugana n'abandi ndetse no kugaragaza aho uhagaze ku ngingo runaka. Gutanga ibitekerezo, kuganira ku mategeko runaka no kugirira abandi igishyika.

Amarangamutima

Binyuze mu kugira ubumenyi mu marangamutima, abana babasha guhangana n'imbogamizi duhura nazo mu buzima bwa buri munsi ndetse no kwihuza mu buryo bw'ingirakamaro n'inshuti n'imiryango yacu.

Urugero rw'ubumenyi ku marangamutima harimo: gusobanukirwa, gucunga no kugaragaza amarangamutima binyuze mu kwisobanukirwa no kugenzura ubushake bwacu buduhamagarira kugira icyo dukora. Gukomeza kugira ishyaka ryo gukora no kwiyizera imbere y'imbogamizi.

Ubumenyi butanu buganisha ku mikurire.

Kunguka ubumenyi

Binyuze mu bushobozi bwo kwakira ubumenyi bushya, abana biga uburyo bwo gukemura ibibazo runaka byo mu buzima, byaba ibihuye n'ishuri, akazi cyangwa mu rugo.

Urugero rw'ubushobozi bwo kwakira ubumenyi ni: Kubasha gushyira umutima ku bintu, gukemura ibibazo, ubushobozi bwo kuzirikana ibintu ndetse no gutekereza. Kwiga gukemura ibibazo runaka bikomeye ndetse no kurema uburyo bwo gushaka ibisubizo.

Guhanga udushya

Kugira ubushobozi buhambaye bwo guhanga udushya, bifasha abana kugira ubushobozi bwo kubona umuti w'ibibazo isi izagira mu gihe kizaza. Ubushobozi bwo guhanga udushya bufasha kugira imitekerereze yagutse yakira ibishya duhura nabyo, ndetse bigafasha mu guhindura ibitekerezo mo ibisubizo bifatika.

Urugero rw'ubumenyi bwo guhanga udushya harimo: kunguka ibitekerezo, kubisangiza abandi ndetse no kubishyira mu bikorwa, kubasha kwiyakira mu gihe utabasha kubona igisubizo, kugerageza inzira zitandukanye, gusesengura ibitekerezo ndetse no guhitamo umuti ukwiriye.

Ubumenyi bukenewe mu kinyejana cya 21

Gutekereza byimbitse	Gukemura ibibazo	Kuvugana n'abandi
Gukorana n'abandi	Guhanga udushya.	Gukora ibintu mu buryo busobanutse

Ubu bumenyi bwo mu kinyejana cya 21 buvuka binyuze mu mikino ni ingenzi cyane mu kwiga ibintu bishya kandi bufasha abana kwiga guhangana n'ibyo batazi.

Akamaro k'imikino mu kwiga mu kinyejana cya 21

Impamvu isunikira abana kwiga, ubushobozi bwabo bwo kunguka ibitekerezo no kugerageza izindi nzira zo gukemuramo ibintu, ndetse no gusabana n'abandi n'ibindi bibakikije mu buryo bwiza, ni ingenzi cyane mu isi yo mu kinyejana cya 21. Binyuze mu kwisanga mu bitekerezo n'ubumenyi ndetse n'isi ibakikije muri rusange, abana baba bategurwa guhangana n'ubuzima bw'uyu munsi n'ubw'ejo.



Ubumenyi bukenewe mu kinyejana cya 21

Gutekereza byimbitse	Gukemura ibibazo	Kuvugana n'abandi
Gukorana n'abandi	Guhanga udushya.	Gukora ibintu mu buryo busobanutse

Ubu bumenyi bwo mu kinyejana cya 21 buvuka binyuze mu mikino ni ingenzi cyane mu kwiga ibintu bishya kandi bufasha abana kwiga guhangana n'ibyo batazi.

Igikorwa cya 4: Tekereza umukino uzwi kandi umenyerewe nka saye.

Uyu mukino utuma abana bagenzura amarangamutima yabo ku kintu batazi, ariko ukanaba-fasha gutekereza icyo abandi bantu bazi kandi babona. Uretse ibyishimo, imikino ifite ubushobozi bwo guha abana ubumenyi bazakenera ahazaza, burenze ibisanzwe biriho.

Tekereza umukino, noneho muri uyu mwanya wo hasi, gerageza kugaragaza ubwoko bw'imyigire buri kubaho ndetse n'ubumenyi buri gukuzwa. Andika ibitekerezo byawe mu mwanya uri hasi aha.

Aho gusunikira abana gutekereza nk'abantu bakuru, twakabaye ahubwo twibuka ko burya ari abanyeshuri beza, maze tukiga kumera nkabo.

(Seymour Papert, Umwarimu w'Ubushakashatsi ku myigire muri MIT Media Lab).(Seymour Papert, Umwarimu w'Ubushakashatsi ku myigire muri MIT Media Lab).

Gusangiza abandi intego binyuze mu mikino

Muri aka gatabo, Kina Rwanda irahamagarira ibitangazamakuru kujya muri iyi gahunda mpuzamahanga (global movement) ndetse no kutwiyungaho kugira ngo duhindure imikino mu Banyarwanda.

Mu gusangiza abandi intego zihuriweho, tugamije kwihuza n'abandi ngo dukora ibishoboka maze buri mwana ahabwe amahirwe yo kwiga binyuze mu mikino. Turi hamwe, turizera ko tuzabasha gushishikariza abantu kubona imikino mu buryo bunyuranye n'ubwo bari basanzwe bayibonamo, kugira ngo basobanukirwe kandi bahe agaciro imikino nk'inkingi ya mwamba y'imikurire y'abana, ndetse no guha abana amahirwe adasanzwe yo gukina mu rugo, ku ishuri ndetse n'ahantu ha rusange abantu bahurira.

Twese hamwe dushobora:

- **Gukora ubukangurambaga bwo kumvisha ababyeyi, imiryango n'inshuti ibyiza byo kwiga binyuze mu mikino no kubiha agaciro.**
- **Kugira uruhare no gushishikariza abantu ibiganiro bijyanye no kwiga binyuze mu mikino. Ibiganiro bigakorwa n'ababyeyi, impirimbanyi, abavuga rikijyana n'abafatanyabikorwa muri gahunda iteza imbere imikino (play movement).**
- **Kurema imfashanyigisho (content) ababyeyi, abarezi ndetse n'abana bishimiye kandi ifitiye akamaro ikiragano cy'abazaza hanyuma.**
- **Gufasha mu gukuza gahunda y'imikino (play movement) mu Rwanda binyuze mu kuzamura imyumvire ku kwiga binyuze mu mikino ndetse no gufasha abantu gusobanukirwa akamaro k'imikino mu mikurire y'abana.**

Iyo ababyeyi bitabiriye imikino, abana barushaho kunezerwa kandi bakiga byinshi. Ibi kandi bifasha ababyeyi gukomeza kwagura ubusabane bafitanye n'abana, ndetse bakarushaho kumenya imico y'abana babo, uko bitwara iyo batsinzwe, cyangwa mu makimbirane, noneho bigafasha ababyeyi kumenya uko baha abana ubufasha bakeneye.

(Emmanuel Murenzi, Umuyobozi wa Inspire, Educate and Empower (IEE) Rwanda)

Kuki ibi bikenewe ubu?

Muri ibi bihe turimo ndetse no mu gutegurira abana ahazaza habo nk'abaturage b'isi mu kinyejana cya 21, hari ibintu bihuza abana hirya no hino ku isi.

Ikindi kandi, kuva umwaka ushize, isi yarahindutse mu buryo bukomeye kubera COVID-19 ndetse nta kindi gihe imikurire n'imyigire y'abana yigize iteza inkeke nk'ubu. Hari amahirwe ku babyeyi, abarimu ndetse n'imikorere y'uburezi muri rusange yo kongera gutekereza uko abanyeshuri biga kandi bagakina, muri ibi bihe by'impinduka.

Mu kuzirikana ibi ndetse n'aho bihuriye n'abana bo mu Rwanda, dushobora kurema amahirwe y'abantu yo kubona imikino mu bundi buryo ndetse no gushishikariza abantu kujya mu mikino.

Hasi aha turabagerazaho ibintu bishobora kugirira abana akamaro.

Ibikoresho n'igihe:

Rimwe na rimwe ababyeyi ntibabasha kubona ibikoresho bitandukanye bifasha mu gutuma abana babo bakina kandi hari igihe batabasha kugenera ibyo bikorwa umwanya ndetse n'ahantu hakwiriye ho gukinira.

Amahirwe: Mu kugaragaza uruhare rw'imikino ku mikurire y'abana ndetse n'imikino nka kimwe mu bifasha mu kuzamura ubumenyi butandukanye no kwiga byimbitse, turashaka gushishikariza abantu kubona imikino mu buryo butandukanye ndetse no kubashishikariza kugira uruhare mu burezi n'imikurire y'abana.

Binyuze mu bikorwa n'ingero zifatika zo mu buzima busanzwe dushobora kwerekana ibishoboka ndetse n'ibyo abantu bo mu Rwanda babasha kubona.

Reba inyandiko ubonemo imikino itandukanye, amakarita yo gukina, wari uzi ko ndetse n'inyandiko z'uburyo bwo gukora ibintu bitandukanye mwabasha kwifashisha. [insert links to toolkit content]

MOMS
CHAMPION

LOGOS SCHOOL
KNIGHTS

Igihe cyose twamara dukora, ni ingenzi cyane gushaka umwanya wo gukina n'abana bacu. Ni bwo buryo bwabo bwo kwiga.

(Basile Uwimana, uvuga rikijyana ku mbuga nkoranyambaga)

Dushobora iteka kubona uburyo bwo gukora ibikinisho mu bikoresho dukuye aho dutuye kugira ngo dukangure ubwonko bw'abana bacu.

(Umubyeyi kuri Twitter)

Agaciro k’imikino

Birashoboka ko ababyeyi baha agaciro imikurire y’umwana cyangwa bakishimira kubona abana babo bishimye, gusa imikino ishobora kubonwa rimwe na rimwe nko gupfusha ubusa umwanya, ntigaragare nk’umwanya wo kwiga no gukura ku bana.

Amahirwe: Mu gihe abantu benshi bamaze gusobanukirwa imikurire y’abana, hari amahirwe yo gusangiza abandi ibyo abana bunguka iyo bitabiriye gahunda y’imbonezamikurire (ECD) ndetse no gutanga ibitekerezo by’abantu babashije kubyaza umusaruro kwiga binyuze mu mikino. Binyuze muri ibi, dushobora kuzamura urwego abantu bishimiraho gahunda z’imbonezamikurire ku kwitegura ishuri kw’abana, ndetse tukagaragaza inkuru z’abandi umuntu yakwigiraho byinshi.

Abana ntibigira byose mu ishuri. Ngerageza gushaka umwanya wo gukina no kwigana n'abakobwa banjye buri munsi.

(Egidie Bibio, Umunyamakuru)

Imikino n'ubusabane n'abandi:

Byamaze kugaragara no kwemezwa ko imikino ishobora gutuma imiryango irushaho gusabana [Play Well Report, 2018]. Ubu busabane bushobora kwibonwamo n'ababyeyi ndetse n'abandi bagize umuryango mugari igihe imiryango n'inshuti bahuye.

Amahirwe: **Mu gufasha abantu kugira ngo basobanukirwe akamaro k'imikino ku bana, dushobora gutanga ibitekerezo bigenewe ababyeyi, abagize umuryango n'abarezi kugira ngo babashe kwifatanya n'abana mu mikino.**

Reba inyandiko ubonemo ibitekerezo ku mikino, amakarita yo gukina, wari uzi ko ndetse n'inyandiko z'uburyo bwo gukora ibintu bitandukanye mwabasha kwifashisha.
[insert links to toolkit content]

Navumbuye ibanga riba mu mikino. Uretse no kuba abana bidagadura, barushaho no kukwisanzuraho ndetse bakigira byinshi mu mikino bakina

(Antoinette Niyongira- umunyamakuru)

Gukina n'umwana byongera ubusabane bwanyu, bikongera umunezero ndetse bigafasha umwana kwiga byinshi akiri muto.

(Umubyeyi kuri Twitter)

Amahirwe y'ibitekerezo bishobora guhindura imikino

Nk'uko byagaragajwe hejuru, hari amahirwe yo kurema amakuru (content) akenewe ngo abantu babone imikino mu buryo butandukanye.

Twese dushobora kurema amakuru mashya kandi yibonwamo na buri wese ku nsanganyamatsiko ituma abantu batangamo ibitekerezo – harimo amakuru n'ibitekerezo by'imikino ishobora gukinirwa mu rugo, ku ishuri n'aho dutuye. Aya makuru ashobora kugaragaza uburyo mu mikino habamo kwidagadura, ndetse ikanerekana uburyo igira uruhare rufatika mu kwiga byimbitse, ikanerekana ko imikino ifasha mu kongera ubusabane hagati y'ababyeyi/abarezi n'abana.

Dushobora kubagezaho inkuru nziza n'ingero zishishikariza abantu gushaka umwanya wo gukina, tukabaha ingero z'ibintu nkenerwa bishobora kubonwa na buri wese aho dutuye, bigafasha ababyeyi kubaka imibanire ikomeye n'abana babo.

LOGOS SCHOOL
KNIGHTS
RAE 735

Inama n’inzira zo kurema amakuru

Muri iki gice turakugezaho ibitekerezo, inama n’inzira zagufasha kurema amakuru ajyanye n’imikino ashobora gufasha abagukurikira ndetse akarema amahirwe agaragara mu gice cya 5. Reba hasi insanganyamatsiko eshatu ushobora gutangiriraho mu kurema ibitekerezo by’inkuru n’ibiganiro bifasha abagukurikira ndetse bigakangura imbaga ku bijyanye no kwigira mu mikino maze bigatuma tubona imikino mu buryo butandukanye.

Ushobora nanone kunguka ibitekerezo binyuranye ku makuru (content) n'ibiganiro wakora, binyuze mu mishinga myinshi iri hirya no hino ku isi. Amakuru wayakura aha: https://learningthroughplay.com/why-play/play-is-for-everyone-everywhere/, including Talakani Sesame in South Africa. [Note to design: box out]

Insanganyamatsiko ya 1: Imikino ifasha kwidagadura no kwiga byimbitse

Akenshi imikino ifatwa nk'igikorwa cyo kwidagadura no kuruhuka cyangwa nk'ikintu gifasha abantu gupfusha ubusa umwanya, ariko mu gice cya gatatu cy'aka gatabo, twabonye ko igira uruhare rufatika mu mikino ndetse no mu gutegurira abana ahazaza habo.

Theme 1:

Mu makuru n'ibiganiro byo mu binyamakuru dushobora kwerekana ko ibikorwa by'imikino bitandukanye bigira uruhare mu myigire. Amakuru ashobora kubamo:

- Uko gukina agapira bifasha abana kwiga gusabana n'abandi
- Uko kuririmba bifasha abana kwiga kubasha kwisobanura imbere y'abandi
- Uko saye ifasha abana kwiga gutekereza mu buryo buhanga udushya ndetse no kugerageza ibintu mu buryo bwagutse n'ibindi.

Reba inyandiko ubonemo ibitekerezo ku mikino, amakarita yo gukina, wari uzi ko ndetse n'inyandiko z'uburyo bwo gukora ibintu bitandukanye mwabasha kwifashisha. [insert links to toolkit content]

Insanganyamatsiko ya 2: Ababyeyi mu mikino

Mu gice cyabanje cy'aka gatabo twagaragaje ko gushaka umwanya wo kugira uruhare mu mikino kw'ababyeyi bishobora kugira uruhare mu kongera ubusabane no gutuma habaho kwiga cyangwa kunguka ubumenyi. Mu kurema amakuru ashishikariza ababyeyi kugira uruhare mu mikino y'abana, dufite amahirwe yo kugaragaza ko ari ibisanzwe kuba ababyeyi bagira uruhare mu mikino y'abana babo. Ayo makuru ashobora kubamo:

Theme 2:

- Uko imikino ishobora kuba igihe cyose kandi aho ari ho hose, yaba mu gikari, mu gikoni, mu ruganiriro, cyangwa no ku ishuri mu masaha y'ikiruhuko.
- Uko imirimo yo mu rugo ishobora guhindurwamo imikino, nk'ababyeyi bashobora kugerageza guteka bafatanyije n'abana babo.
- Uko gukora urugendo rujya ku ishuri cyangwa ku kazi bishobora guhindurwa ikintu cyo kwishimirwa, abana bashobora kuririmba cyangwa kuvuga imivugo mu gihe muri mu nzira.
- Uko ibintu twirirwamo mu buzima bwa buri munsi bishobora guhindurwamo imikino. Imirimo yo mu rugo nko gukora isuku no kuzinga imyenda bishobora gukorwa n'amatsinda kugira ngo byigishe abana kubasha kugira ibyo bikorera, ariko ibi babikora bananezerwe ndetse bishimana n'abandi bagize umuryango. Nk'urugero abana bashobora kwifashisha igisokozo nk'indangururamajwi igihe baririmba cyangwa se bagakoresha umuneke nka telefone mu gihe bakina udukino mu rugo.
- Uko ibintu tubona buri munsi aho dutuye bishobora kwifashishwa mu mikino n'ibindi. Urugero: imyenda ishobora kwifashishwa mu kubaka umunara, impapuro zishobora gukora ubwato n'udushami tw'ibiti dushobora kwifashishwa mu gukora indege.

Reba inyandiko ubonemo ibitekerezo ku mikino, amakarita yo gukina, wari uzi ko ndetse n'inyandiko z'uburyo bwo gukora ibintu bitandukanye mwabasha kwifashisha. [insert links to toolkit content]

Insanganyamatsiko ya 3: Imikino mu gushimangira ubusabane

Igihe cy'imikino gishobora kuba ikiraro cy'ubusabane hagati y'ababyeyi n'abana. Imikino si amahirwe yo gushimangira ubusabane ku babyeyi gusa, ahubwo n'abandi bakikije umwana nk'abagize umuryango cyangwa inshuti.

Binyuze ku mbuga mufite nk'ibitangazamakuru, mufite ubushobozi bwo kubwira no kugaragaza uko umwanya wo gukina ari uburyo bwiza bwo gushimangira ubusabane. Amakuru ashimangira ibyo ashobora kubamo:

Theme 3:

- Kwerekana uko ababyeyi n'abana baryoherwa n'imikino bahuriyeho
- Uko ababyeyi n'abana bifatanya mu mikino babibona
- Umunyamakuru uzwi ugira uruhare mu mikino n'abana be, akabwira abandi uko abikora

Reba inyandiko ubonemo ibitekerezo ku mikino, amakarita yo gukina, wari uzi ko ndetse n'inyandiko z'uburyo bwo gukora ibintu bitandukanye mwabasha kwifashisha. [insert links to toolkit content]

Umurongo wo kurema ibitekerezo by'inkuru

Mu gutangira kurema ibitekerezo by'inkuru, umurongo ukurikira uragufasha kubona insanganyamatsiko zavuzwe haruguru ndetse n'uburyo zakoreshwa ku mbuga zinyuranye ndetse n'ibitekerezo bimwe na bimwe by'ukuntu mwakwinjiza cyangwa mugahamagarira ababakurikira kugira uruhare mu biganiro no kujya mu mikino muri rusange.

Reba inyandiko, umurongo ugenga iremwa ry'ibitekerezo by'inkuru ndetse n'inama zo kuwukoresha.

Kurema insanganyamatsiko z'imikino	Ubwoko bw'inkuru	Kurema uburyo bwo gutuma abadukurikira babigiramo uruhare ndetse bagatanga ibitekerezo
Insanganyamatsiko ya 1: Imikino ifasha kwidagadura no kwiga byimbitse	Gendera ku bwoko bw'igitangaza-makuru maze urebe amakuru aberanye n'ubwoko, ibiganiro cyangwa agace k'ikiganiro, urugero: Kuri Radiyo: Kubara inkuru, gukina udukinami-co, kuririmba Kuri Televiziyo: Imikino, kugaragaza uko ibintu runaka bikorwa, siporo Ibijyanye n'ibihe – iminsi igize ukwezi n'ubuzima rusange/umuco Abanditsi Insangamatsiko mvumburamat-siko – iminsi iri ku ndangaminsi n'ubuzima bwa buri munsi/umuco	Gerageza ibitekerezo bizatuma abagukurikira bagiramo uruhare. Urugero: • Ibitekerezo by'abagukurikira, urugero: abahamagara mu kiganiro • Guhamagarira abagukurikira kugira icyo bakora (calls to action) • Amatora • Ijwi ry'abahagararye ababyeyi. Urugero: guhamagarira ababyeyi gusangiza abandi uko imikino igenda mu miryango yabo (umwanya wo gusaba umwe mu bavuga rikijyana akabigiramo uruhare) • Ijwi ry'uhagararye abandi – Ese ni gute imikino yaguhinduye? • Insanganyamatsiko mvumburamatsiko – Kugaragaza amatariki y'indangaminsi ndetse n'insanganyamatsiko zijyanye n'umuco
Insanganyamatsiko ya 2: Ababyeyi mu mikino		
Insanganyamatsiko ya 3: Imikino mu gushimangira ubusabane		

Umwanzuro ndetse n'ibikorwa

Muri aka gatabo ndetse n'inyandiko, turizera ko Kina Rwanda iha ibitekerezo ibitangazamakuru hagamijwe kubona imikino mu bundi buryo ndetse no kwisanga muri gahunda y'imikino mu Rwanda binyuze mu kurema amakuru ajyanye n'imikino agenewe ababakurikira.

Kina Rwanda yiyemeje gushyigikira itangazamakuru n'abafatanyabikorwa mu kugira uruhare muri gahunda y'imikino (play movement) ndetse no mu kurema ibitekerezo by'inkuru n'ibiganiro, ndetse no gusaba ibitangazamakuru kutwandikira kuri info@kinarwanda.com mu gihe bakeneye ubufasha cyangwa igihe hakenerwa ko tugira ibyo tuganiraho.

Turifuza kugusaba kuzuza ibibazo by'ubushakashatsi ku bijyanye n'imyigire kuri [insert online survey to measure learning outcomes] kugira ngo utugezeho icyo utekereza kugira ngo natwe twifashishe ibitekerezo byawe mu gukomeza gutunganya ibikoresho n'ibikorwa bigamije gukomeza kwagura gahunda y'imikino.

Hanyuma dusoza, niba wifuza kuba umwe mu bagize gahunda y'imikino (play movement) turagushishikariza kujya ku gikorwa cya gatanu, kuri paji xx, maze wandike ibikorwa wumva wiyemeje kuzakora nuba umwe muri twe.

Igikorwa cya 5: Isezerano

Koresha uyu mwanya wo hasi maze wandike isezerano utanze ryo kuba umwe mu bagize gahunda y'imikino (Play movement) mu Rwanda ndetse n'ibikorwa ushobora gukora. Ushobora kugumana iyi nyandiko ubwawe cyangwa ukayisangiza Kina Rwanda kuri info@kinarwanda.com

The LEGO Foundation

unicef

RMC
RWANDA MEDIA COMMISSION
Media Self Regulatory Body
Promoting Free, Responsible and Accountable Media

"Together for Play" iterwa inkunga na LEGO Foundation igashyirwa mu bikorwa na Purpose, ikaba ikorana n'abafatanyabikorwa batandukanye kandi igakorerwa muri buri gihugu n'abarimo imiryango itegamiye kuri leta, amahuriro y'uburezi n'imiryango ikora muri gahunda z'imbonezamikurire. Niba wifuza kubona urutonde ruriho abafatanyabikorwa bose, reba kuri paji zagenewe ibihugu kuri https://www.togetherforplay.com/.

Imigereka

Umugereka wa 1:
Amagambo yo kuzirikana n’imibare

Umugereka wa 2:
Inyandiko n’andi makuru

UMUGEREKA WA MBERE

Amagambo yo kuzirikana n'imibare

Dore amagambo yo kuzirikana n'imibare ku mikino ishobora kugira akamaro mu gutegura amakuru n'ibiganiro cyangwa ingingo zo kuganiraho. Ushobora no kureba ahandi twaguhaye wakura amakuru arambuye ndetse n'imiyoboro (links) wakuraho izindi nyandiko.

Amagambo yo kuzirikana

- **Imikino ni kimwe mu bintu by'ingenzi mu mikurire y'umwana. Kuva ku myaka yo hasi kugera mu y'ubugimbi cyangwa ubwangavu no kugera mu myaka y'ubukure, imikino ikuza ndetse igatanga ubumenyi bwinshi budufasha kuba abafitiye akamaro ubuzima bwacu bwite, ndetse n'abagira uruhare rwiza mu buzima bw'abandi badukikije.**
- **Kwigira mu mikino bigabanya ubusumbane bugaragara mu kugera ku nzozi kw'abana baturuka mu byiciro bitandukanye by'ubuzima.**
- **Kwigira mu mikino hifashishijwe imbuga z'ikoranabuhanga bigirira akamaro abarezi ndetse n'abana.**
- **Imikino ifasha abana kubasha gukemura ibibazo bahura nabyo mu buzima, bakikemurira imbogamizi bifashishije gushaka ibisubizo ndetse no kwirinda guhangayika igihe bageze mu gihe gishobora kuberekeza muri iyo nzira**

Sources: LEGO Foundation knowledge base (white papers and research reports)
LEGO Foundation - Why Play?
Learning Through Play increasing impact, reducing inequality - Summary report
LEGO Foundation - Learning to cope through play

Imibare

Ubushakashatsi bwakorewe ku rwego mpuzamahanga mu bihugu icyenda, bwagaragaje ko ababyeyi bo muri iyi minsi bagenda barushaho gusobanukirwa akamaro imikino igira mu guha ishusho imyitwarire y'abana babo, ubumenyi ndetse n'amarangamutima mu myaka yabo y'ubuto. Hejuru y'ababyeyi 9 muri 10 bemera ko imikino ifite akamaro mu buzima bwiza bw'abana, ibyishimo n'imikurire. Bemera ko imikino ifasha mu kubaka ubumenyi buganisha mu kunguka ubumenyi bwo mu mashuri, ariko kandi n'uburyo imikino ifasha mu kurema abantu bakuze bafite ubumenyi bwo guhanga udushya, babasha gusabana n'abandi n'abantu batayegayezwa mu marangamutima.

95%

Gukemura ibibazo

96%

Gukorana n'abandi

96%

Gusabana n'abandi

94%

Kubasha kwibaza no gufata imyanzuro

95%

Amatsiko

96%

Kuvugana n'abandi

96%

Guhanga udushya

93%

Amarangamutima

95%

Kwigirira icyizere

94%

Kwigira ku makosa

Ababyeyi bagenda barushaho kwemera ko ubumenyi nkenerwa mu buzima n'imikino iganisha ku bumenyi bikwiriye kuba bimwe mu bigize ishuri kuva ku myaka yo hasi.

95%

y'ababyeyi bumva imikino ikwiriye kwifashishwa mu mashuri nk'igikoresho kibafasha kwiga no gukura

91%

y'ababyeyi bemeza ko imikino igira uruhare mu gutsinda kw'abana mu ishuri.

91%

y'ababyeyi bemeza ko abana bakina babasha kugera ku nzozi zabo mu bijyanye no kwiga ndetse n'akazi

91%

y'abana bemeza ko biga neza iyo bize mu buryo bwo gukina.

N’ubwo hari uburyo bwinshi ishobora kuba kimwe mu bigize umuryango, inyungu y’imikino ikomeza kugira imbaraga kandi ikabasha guhindura, ishusho iyo ari yo yose umuryango wafata. Imikino ikorewe hamwe, yaba ari hamwe n’inshuti, abavandimwe, ababyeyi, abarezi n’abandi bantu bakuru, ntifasha umwana mu mikurire gusa. Ifite izindi nyungu zijyanye n’imibanire n’amarangamutima ku babyeyi no ku miryango.

+5 Hours

88%

y'imiryango ikoresha hejuru y'amasaha 5 bemeza ko bishimye.

-5 Hours

75%

y'imiryango ikoresha munsi y'amasaha mu gukinira hamwe bemeza ko bishimye.

Ibyishimo by'umuryango hashingiwe ku gihe imiryango imara ikinira hamwe mu cyumweru:



% y'imiryango imara hejuru y'amasaha 5 ikina mu cyumweru yemeza ko bishimye.

% y'imiryango imara munsi y'amasaha 5 ikina mu cyumweru yemeza ko bishimye.

Aho byakuwe: LEGO Play Well report 2018

UMUGEREKA WA KABIRI

Inkomoko zifashishijwe mu gukora agatabo n'andi makuru arambuye:

UNICEF:
https://www.unicef.org/rwanda/stories/learning-playing-powerful-approach-help-children-deal-uncertain-times-covid-19

Inzira ziganisha mu murongo wa Youtube wa Kina Rwanda
https://www.youtube.com/channel/UCuqhOGjv-NCElYXtuGRo4yQ

What we mean by: Learning through play - The Lego Foundation.
[https://www.legofoundation.com/media/1062/learningthroughplay_leaflet_june2017.pdf]

Characteristics of playful experiences:
https://www.legofoundation.com/en/why-play/characteristics-of-playful-experiences/

White Paper: Longitudinal studies illustrate how playful experiences equip children with these critical skills -
https://www.legofoundation.com/media/1681/play-facilitation_the-science-behind-the-art-of-engaging-young-children.pdf

Play facilitation: the science behind the are of engaging young children -
https://www.legofoundation.com/media/1681/play-facilitation_the-science-behind-the-art-of-engaging-young-children.pdf

UMUGEREKA WA KABIRI

Inkomoko zifashishijwe mu gukora agatabo n'andi makuru arambuye:

The science of learning, a reviewof the evidence on learning through play https://www.legofoundation.com/en/learn-how/knowledge-base/learning-through-play-a-review-of-the-evidence/

Characteristics of playful experiences: The Science of Learning: Hirsh-Pasek, K., Zosh, J. M., Golinkoff, R. M., Gray, J. H., Robb, M. B., & Kaufman, J. (2015). Putting education in "educational" apps: lessons from the science of learning. Psychological Science in the Public Interest, 16(1), 3-34.

Playing together: https://www.legofoundation.com/en/learn-how/knowledge-base/playing-together-activity-manual/

@kinarwanda
info@kinarwanda.com
www.kinarwanda.com